INTUMBERO

Umugabo ufite ubwenge aca ubwatsi kare izuba ritararenga, ariko umugabo w' umunebwe amahirwe amucaho agisinziriye.

IHAME RY' ICYUMWERU

Umuco w' abantu b' indashyikirwa ni ntumbero ibarangwaho. Barangwa n' umurava kandi bakunda kugera ku bisuzo. Kubera iyo ntumbero yabo rero bibahesha guhura n' amahirwe menshi cyane bityo bagahora bashishikajwe no " kuyafatirana izuba ritara renga". Babizi neza ko izuba ridahora ricanye bityo ugasanga bafatirana amahirwe yose abibunzaho.

Abantu bafite intumbero ntabwo bajya birara ngo batereke akaguru ku kandi iyo ibintu byose bimeze neza; ahubwo barazinduka maze bagatangira umunsi bafite umutima wuzuye umunezero. Burya imbaraga zikurikira icyerekezo hamwe n' intego ariko zigahoraho iyo uzishoye mu migambi yawe bwite cyangwa ibyo wifuza kugeraho. Ibanga ryo kubona imbaraga n' ukugira intego wifuza kugeraho. Kwereka abantu amahirwe ashobora kubazamura mu buzima, imiryango yabo cg imirimo bakora bizabafasha kugira intumbero yagutse kurushaho. Iyo abantu bavumbuye ubushobozi bwabo maze baka buhemberwa, bagira umwete wo gukora ibyo bashobora kugeraho.

Amahirwe abonwa gusa n' umuntu ufite intumbero ihanitse. Kuko n' ubundi uyu muntu aba yamaze kwitegura " gushaka umugati"; umukozi ufite imbaraga , umunyamigambi kandi ufite intumbero. Icyo aba ategereje ni ikirere ko gihunduka , izuba rirase cg amahirwe. Amahirwe ntabwo ahora adusanga gusa, ahubwo natwe tugomba kuyashakisha. Nta muntu utanga amahirwe ku muntu w' umunebwe kuko bizwi neza ko ntacyo yayakoresha kizima. Amahirwe rero araharanirwa.Birakomeye guha amahirwe ku muntu utayabyazamo umusaruro.

Mu mikino tujya twumva abakinnyi batanga impamvu ngo umupira widunze nabi, nyamara abandi bazakurikira uwo mupira maze bawusange aho wagiye. Barema amahirwe iyo bakurikiye uwo mupira. Bamwe baravuga ngo bagize amahirwe, abandi nabo ngo nuko bitoje cyane nibwo bakorana umurava, n' amahirwe nayo akaziraho! Muri ubu buryo amahirwe aragwira bityo agahora aboneka ku bantu bafite intego.

Amahirwe asanga abakorana umurava, intumbero, abantu bafite imyumvire myiza. Barabizi neza ko ibintu bitikora. Ahubwo basanga umupira. Kandi bakamenya agaciro ko kwitegura no gukora umugambi. Bakorana ubwenge kandi bakoresha igihe cyabo neza kuko icyo bafite kibaze. Hari imvugo igira iti " niba ushaka umurimo ko ukorwa, shaka umuntu umaze akanya akora."

INYUNGU

1. Abantu bagira intumbero bavumbura amahirwe bakoresheje ibitekerezo byabo byiza n' ubushishozi.
2. Amahirwe menshi azajya abasanga.
3. Bazanyurwa nibyo bakora kuko babikuramo umusaruro ushimishije.
4. Abantu bazabatera inkunga kubera umwete babagaragariza, imyumvire myiza yabo ndetse nuko baharanira kugera ku bisubizo.
5. Bazagira ubuzima bufite umusaruro bityo n' intego zabo bazigereho.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Tegura umurimo/ akazi kawe neza.
2. Koresha umwanya wawe neza.

Inzira ni mikorere y' INTUMBERO

3. Iteka ujye uhora wisuzuma imikorere yawe hamwe n' intego zawe.
4. Kurukira umupira muri uwu mukino w' ubuzima.
5. Ujye uhora witera imbaraga z' umwete ushyira imbere inzozi zawe.
6. Mu gihe ushaka kubona umurimo ukorwa, ujye ubisaba umuntu ufite icyo akora.

Abantu bafite intumbero bagira burya ibitekerezo bizira ubunebwe kandi ntibabona cyangwa ngo bavumbure ayo mahirwe gusa ahubwo barayarema. Umwete wabo, imyumvire ireba kure bibafasha kwitegura no guhuriza hamwe. Bakabona inzira nziza, ubushobozi bwisumbuyeho n' amahirwe menshi.

Akazi ni amahirwe kandi ahoraho. Bityo rero hari akazi ko gukora kandi ku bantu babyifuza. Ibi bigena amahirwe ku bantu basanganywe intumbero. Iyo turi mu kazi bidutera akanyamuneza, naho twapfusha igihe ubusa twumva ntacyo tumaze. Itegure gukona umurava kandi unoze umurimo wawe; bizaguha inyungu zidasanzwe. Amahirwe menshi azajya agusanga mu gihe ufite intumbero bityo ugire imbaraga n' ubushake bwo kugera ku ntego wiyemeje.

Intumbero ntabwo bivuga kwifuza ibintu binini gusa, ahubwo n' imyumvire yambuka mu buzima bwawe bwose. Ifasha abayifite kuba abantu beza kurushaho, ababyeyi beza, abakozi beza ndetse n' abakoresha beza. Intumbero itangwa n' icyerekezo hamwe n' impamvu maze bigatanga ubwira bwo kugera kuri za ntego.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese ni byiza kugira intumbero? Kuki se?
2. Ese amahirwe araharanirwa cyangwa ni ingabire?
3. Ese watekereza ahantu ushobora kurema amahirwe uramutse ukoranye umurava cyangwa imyiteguro byimazeyo?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			